# 56: Yes' aragutegereza

1. Yes' aragutegereza; N' inshuti yawe. Araguhamagar' ati : Ngwino hano !

2. Ita ku magambo meza Akubwir' ati : Nababambiwe kugira ngo Ngucungure.

3. Mbes' ubuntu bwanjye bwinshi Ubwangir' iki ? Ntiwanyemera, nkaguha Agakiza?

4. Mbese ntiwamaz' imyaka myishi mu byaha, Ur' imbata ya Satani, Nturambiwe?

5. None, reka nkubohore, Naw' unyizere, Unkurikire wishimye, Ub' uwanjye.

6. Yesu yahoz' akubwira Kensh' ibyo byiza; Dore, n'ub' arakwinginga ! Wamwang'ute?

7. We gutind' ahar' ijwi rye Ryahora vuba; Ubu n'igihe gikundwa, We gutinda.

8. Mwami Yesu, singitinda; Noneho ndaje. Ububata bwawe bwiza Ni bwo nkunze.

Visit us at indirimbo.com